**REPUBULIKA Y'U RWANDA**
**KOMISIYO Y'IGIHUGU Y'AMATORA**

---

***ITANGAZO RYA KOMISIYO Y'IGIHUGU Y'AMATORA***

Komisiyo y'Igihugu y'Amatora iramenyesha abanyarwanda ko itegura amatora yo kuzuza Inama Njyanama na Komite Nyobozi z'uturere twa **Burera, Gicumbi, Musanze, Karongi, Ngororero, Nyamasheke, Rubavu, Rutsiro, Gisagara, Muhanga, Ngoma na Rwamagana**.

Iramenyesha kandi abifuza kwiyamamariza imyanya y'Ubujyanama muri utwo Turere, bujuje ibiteganywa n'amategeko ko izakira dosiye za kandidatire guhera ku itariki ya **09 kugeza ku ya 13 Nzeri 2019.**

Imirenge izatorerwamo abajyanama na gahunda y'ayo matora bizamenyekanishwa n'umukozi wa Komisiyo y'Igihugu y'Amatora ku rwego rw'Akarere, ari nawe uzakira kandidatire.

Gahunda irambuye igaragara ku rubuga nkoranyambaga rwa Komisiyo y'Igihugu y'Amatora: www.nec.gov.rw.

Bikorewe i Kigali, kuwa 06/09/2019

**Prof. KALISA MBANDA**

**Perezida wa Komisiyo y'Igihugu y'Amatora**

**REPUBULIKA Y'U RWANDA**
**KOMISIYO Y'IGIHUGU Y'AMATORA**

## GAHUNDA Y'AMATORA YO KUZUZA INAMA NJYANAMA NA KOMITE NYOBOZI BY'UTURERE TWA BURERA, GICUMBI, MUSANZE, KARONGI, NGORORERO, NYAMASHEKE, RUBAVU, RUTSIRO, GISAGARA, MUHANGA, NGOMA na RWAMAGANA, Nzeri 2019

| № | IGIKORWA | IGIHE KIZAKORERWA | IMINSI |
|---|---|---|---|
| 1. | Kwegeranya imyanya izatorerwa | 03-06/09/2019 | 04 |
| 2. | Gutegura no kwemeza gahunda y'amatora yo kuzuza Inama Njyanama na Komite Nyobozi z'Uturere | 06/09/2019 | 01 |
| 3. | Kumenyekanisha imyanya izatorerwa no gukangurira abaturage ibijyanye n'amatora yuzuza izo nzego | 06-28/09/2019 | 23 |
| 4. | **Kwakira kandidatire z'abifuza kwiyamamariza kujya mu Nama Njyanama z'Uturere** | **09-13/09/2019** | **05** |
| **5.** | **Kwemeza no gutangaza Abakandida bemejwe** | **14/09/2019** | **01** |
| 6. | Gukorana inama n'Abakandida bemejwe | 17/09/2019 (saa 11h:00) | 01 |
| 7. | **Kwiyamamaza kw'Abakandida** | **21-27/09/2019** | **07** |
| 8. | **Amatora y'abagize inama Njyanama z'Uturere batorerwa mu Mirenge** | **28/09/2019** | **01** |
| 9. | Gutangaza Abajyanama batowe kujya mu nama Njyanama z'Uturere | 29/09/2019 | 01 |
| 10. | **Amatora asimbura muri Komite Nyobozi z'Uturere** | **30/09/2019 (saa 10h:00)** | **01** |
| 11. | Gutegura no gutanga raporo y'amatora | 01- 08/10/2019 | 08 |

**Bikorewe i Kigali, ku wa 06/09/2019**

**Prof. KALISA MBANDA,**
**Perezida wa Komisiyo y'Igihugu y'Amatora**